# IBIBAZO N'IBISUBIZO BY'IKIZAMINI CYA PERIMIS PROVISOIRE (uruhushya rw'agateganyo rwo gutwara imodoka) CYAKOREWE I RUSIZI.

1. **Iyo hatarimo indi myanya birabujijwe gutwara ku ntebe y'imbere y'imodoka abana badafite imyaka ikurikira;**

   A. Imyaka 7

   B. Imyaka 10

   C. Imyaka 12

   D. Nta gisubizo cy'ukuri kiro

2. **Iyo hatari ututira two ku mpande z'umuhanda cyangwa inkengero zigiye hejuru, cyangwa bidashobora kugendwa, abanyamaguru bagomba kunyura aha hakurikira;**

   A. Mu muhanda

   B. Mu kayira k'abanyamagare

   C. Mu tuyira turi ku musezero w'umuhanda

   D. Ibisubizo byose nibyo

3. **Isonga y'impombo yohereza ibyotsi ntishobora kwerekezwa aha hakurikira;**

   A. Ibumoso bw'ikinyabiziga

   B. Iburyo bw'ikinyabiziga

   C. Inyuma h'ikinyabiziga

   D. Nta gisubizo cy'ukuri kirimo

4. **Ibinyabiziga bigomba kugira itara ry'ubururu rimyatsa ribonesha impande zose, ni ibi bikurikira;**

   A. Ibinyabiziga biherekeranije mu butumwa

   B. Ibinyabiziga bya gisirikare

   C. Ibinyabiziga ndakumirwa

   D. Ibisubizo byose nibyo

5. **Amatara ndanga mbere n'aya ndanga nyuma y'imodoka zitarengeje metero 6 z'uburebure na metero ebyiri z'ubugari habariwemo imitwaro kandi ntakindi kinyabiziga kiziritseho, ashobora gusimburwa n'amatara yo guhagarara umwanya munini, iyo ibyo binyabiziga bihagaze umwanya muto cyangwa munini mu nsisiro bibangikanye ku ruhande rw'umuhanda, ayo matara arangwa n'amabara akurikira;**

   A. Akaba yera cyangwa asa n'umuhondo imbere

   B. Aba ari umutuku cyangwa umuhondo inyuma

   C. A na B ni Ibisubizo by'ukuri

   D. Nta gisubizo cy'ukuri kirimo

6. **Iyo igenda mu nzira nyabagendwa imikumbi, igomba kugabanywamo udutsiko tugizwe;**
   - A. N'inyamaswa zitarenze 20 kandi zitandukanijwe n'intera ya metero 10
   - B. N'inyamaswa zitarenze 10 kandi zitandukanijwe n'intera ya metero 20
   - C. N'inyamaswa zitarenze 8 zitandukanijwe n'intera ya metero 10
   - D. A na B ni ibisubizo by'ukuri
7. **Kubyerekeye kwerekana ibinyabiziga n'ukumurika kwabyo ndetse no kwerekana ihindura ry'ibyerekezo byabyo, birabujijwe gukora andi matara cyangwa utugarura rumuri, uretse ibitegetswe, ariko ibyo ntibireba amatara akurikira;**
   - A. Amatara ndanga
   - B. Amatara ari imbere mu modoka
   - C. Amatara ndanga burumbarare
   - D. Ibisubizo byose nibyo

---

8. **Ubugari bw'imizigo yikorewe n'amagare na velomoteri kimwe na romoroki zikuruwe n'ibyo binyabiziga ntibushobora kurenza;**
   - A. Santimetero 75
   - B. Santimetero 30
   - C. Santimetero 55
   - D. Santimetero 125
9. **Uretse ku byerekeye imihanda irombereje y'ibisate byinshi n'imihanda y'imodoka, igice cy'umuhanda kiri hakurya y'umurongo mugari wera udacagaguye ucibwa ku muhanda ngo ugaragaze inkombe mpimbano, kigenewe ibi bikurikira;**
   - A. Guhagararwamo umwanya muto gusa
   - B. Guhagararwamo umwanya munini gusa
   - C. Guhagararwamo umwanya muto n'umwanya munini
   - D. Nta gisubizo cy'ukuri kirimo
10. **Amatara ndanga burumbarare, agomba kubonwa nijoro igihe ijuru rikeye n'umuyobozi w'ikinyabiziga kiri mu ntera ya;**
    - A. Metero 50 nibura
    - B. Metero 100 nibura
    - C. Metero 150 nibura
    - D. Metero 200 nibura

11. **Kubyerekeye kwerekana ibinyabiziga n'ukumurika kwabyo ndetse no kwerekana**

**ihindura ry'ibyerekezo byabyo, birabujijwe gukora andi matara cyangwa utugarura rumuri, uretse ibitegetswe, ariko ibyo ntibireba amatara akurikira;**

A. Amatara ndanga

B. Amatara ari imbere mu modoka

C. Amatara ndanga burumbarare

D. Ibisubizo byose nibyo

12. **Iyandikwa ry'ibinyabiziga by'abantu bikorera ku giti cyabo cyangwa ibya za ambasade cyangwa imiryango ifite ubusonerwe nk'ubwa za ambasade no ku bakozi b'izo za ambasade n'iyo miryango risabwa ibiro by'imisoro. Ese iyo ari gishya Iryo saba rihekerezwa n'ikihe cyemezo;**

A. Icyemezo gitangwa na polisi y'igihugu

B. Icyemezo cy'uwagikoze cyangwa cy'uwa gicuruje

C. A na B ni ibisubizo by'ukuri

D. Nta gisubizo cy'ukuri kirimo

13. **Ibinyabiziga bikoreshwa butagisi bitegerereza abantu munzira nyabagendwa bishobora gushyirwaho itara ryerekana icyo bikoreshwa, iryobtara rishyirwaho kuburyo bukurikira;**

A. Ni itara ry'icyatsi rishyirwa imbere ryerekana ko ikinyabiziga kitakodeshejwe

B. Ni itara ry'icyatsi rishyirwa ibumoso ryerekana ko ikinyabiziga kitakodeshejwe

C. Ni itara ry'umuhondo rishyirwaho ryerekana ko ikinyabiziha kitakodeshejwe

D. A na C n'ibisubizo by'ukuri

14. Ahari hejuru cyane y'ubuso bumurika h'amatara ndanga mbere na ndanga nyuma, ntihashobora kuba aharenze metero 1 na santimetero 90 hejuru y'ubutaka, iyo ikinyabiziga kidapakiye Ku byerekeye utugarura rumuri ubwo buhagarike ntibushobora kurenga;

A. Metero 1 na santimetero 50

B. Metero 1 na santimetero 75

C. Metero 1 na santimetero 90

D. Metero 2 na santimetero 10

E. Metero 1 na santimetero 20

15. **Icyapa cyivuga "Inzira y'amatungo itegetswe" kirangwa;**

    A. Ishusho y'uruziga ubuso bwera ikiranga ishusho y'inka mu ibara ry'umukara

    B. Ishusho ya mpandeshatu ubuso bwera umuzenguruko utukura ikiranga ishusho y'inka mu ibara ryera

    C. Ishusho y'uruziga ubuso bw'ubururu ikiranga ishusho y'inka mu ibara ryera

    D. Ishusho mpandeshatu ndinganire y'umutuku ubuso bw'ubururu inka mu ishusho ry'ibara ryera

16. **Iyo banyuze iruhande rw'inkomyi abanyamaguru bagomba gukikira banyuze mu muhanda, abayobozi b'ibinyabiziga bagomba gusiga umwanya ufite ubugali bwa;**

    A. Metero 3 byibura hagati yabo n'iyo nkomyi

    B. Metero 1 nibura hagati yabo n'iyo nkomyi

    C. Metero 1 na cm 55 hagati yabo ni inkomyi

    D. Nta gisubizo cy'ukuri kirimo

17. **Imirongo y'ingabo z'igihugu zigendera kuri gahunda n'utundi dutsiko twose tw'abanyamaguru nk'imperekerane cyangwa udutsiko tw'abanyeshuri, iyo bidashoboka kubona muri metero 200 bigaragazwa n'itara ryera ritwariwe ku'ruhande rw'ibumoso imbere, naho inyuma, n'itara ry'umutuku ariko iyo uburebure bw'iyo mirongo cyangwa bw'utwo dutsiko burenga metero 6, impande zatwo cyangwa zayo zigaragazwa k'uburyo bukurikira;**

    A. Itara rimwe cyangwa menshi yera

    B. Amatara menshi y'umuhondo

    C. Amatara menshi asa n'icunga rihishije

    D. Ibisubizo byose nibyo

18. Za otobisi zigenewe gutwara abanyeshuri zishobora gushyirwaho amatara abiri, amyatsa, rimwe riri imbere irindi riri inyuma kugirango zerekane ko zihagaze no kwerekana ko bagomba kwitonda, Ayo matara agomba kumurika muri metero 100 muri buri ruhande rw'aho zihagarara, agira amabara akurikira;

   A. N'umweru

   B. N'umuhondo

   C. N'icunga rihishije

   D. Byose ni ibisubizo by'ukuri

19. Icyapa kitwa "Ntihanyurwa mu byerekezo byombi" gifite ubuso bw'amabara akurikira;

   A. Umweru

   B. Umukara

   C. Umutuku

   D. Nta gisubizo cy'ukuri kirimo

---

20. Inyuguti RL ziri hejuru y'imibare 4 kuva kuri 0001 kugeza kuri 9999 Ariko inyuguti RL zishobora gukurikirwa n'iriya mibare ine iyo umwanya wateganyirijwe icyapa inyuma uhagije bityo icyapa cy'inyuma kikagira ingero zimwe n'icy'imbere, ni ku byapa by'ibinyabiziga bikurikira;

   A. Ibinyabiziga byavanywe mumahanga n'abacuruzi babyo.

   B. Rumoroki na Makuzungu

   C. Ibinyabiziga bikoreshwa na konsila

   D. Nta gisubizo cy'ukuri kirimo

END!